**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°124/03 RYO KU WA 27/07/2015 RIGENA INGANO Y'AMAFARANGA Y'ISHYINGURA KU MUKOZI WA LETA**

## ISHAKIRO

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ingano y'amafaranga y'ishyingura**

**Ingingo ya 3: Abahabwa amafaranga y'ishyingura**

**Ingingo ya 4: Igihe amafaranga atangirwamo**

**Ingingo ya 5: Korohereza urugendo abakozi ba Leta batabaye uwo bakorana**

**Ingingo ya 6: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

**Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 8: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°124/03 OF 27/07/2015 DETERMINING THE AMOUNT OF FUNERAL EXPENSES FOR A DECEASED PUBLIC SERVANT**

## TABLE OF CONTENTS

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Amount of funeral indemnity**

**Article 3: Beneficiaries of funeral indemnity**

**Article 4: Period of payment**

**Article 5: Transport facilitation for supporting a workmate**

**Article 6: Authorities responsible for the implementation of this Order**

**Article 7: Repealing provision**

**Article 8: Commencement**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°124/03 DU 27/07/2015 FIXANT LE MONTANT DES DEPENSES FUNERAIRES POUR UN AGENT DE L'ETAT DECEDE**

## TABLE DES MATIERES

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Montant de l'indemnité funéraire**

**Article 3 : Bénéficiaires de l'indemnité funéraire**

**Article 4 : Période de versement**

**Article 5: Facilitation du transport pour soutenir un collègue de travail**

**Article 6: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

**Article 7: Disposition abrogatoire**

**Article 8: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°124/03 RYO KU WA 27/07/2015 RIGENA INGANO Y'AMAFARANGA Y'ISHYINGURA KU MUKOZI WA LETA**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 104;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 06/03 ryo ku wa 15/03/2003 rigena amafaranga y'ishyingura;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 20/03/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE :**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena ingano y'amafaranga atangwa mu ishyingura ku mukozi wa Leta.

**PRIME MINISTER'S ORDER N°124/03 OF 27/07/2015 DETERMINING THE AMOUNT OF FUNERAL EXPENSES FOR A DECEASED PUBLIC SERVANT**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the General Statutes for Public Service, especially in Article 104;

Reviewing Prime Minister's Order n° 06/03 of 15/03/2003 determining amount of funeral indemnities;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 20/03/2015;

**HEREBY ORDERS:**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the amount of funeral expenses for a deceased public servant.

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°124/03 DU 27/07/2015 FIXANT LE MONTANT DES DEPENSES FUNERAIRES POUR UN AGENT DE L'ETAT DECEDE**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant Statut General de la Fonction Publique, spécialement en son article 104;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 06/03 du 15/03/2003 déterminant le montant des frais funéraires;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20/03/2015 ;

**ARRETE :**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté fixe le montant des dépenses funéraires pour un agent de l'Etat décédé.

**Ingingo ya 2: Ingano y'amafaranga y'ishyingura**

Iyo umukozi wa Leta yitabye Imana, urwego yakoreraga rugenera umuryango wa nyakwigendera amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi magana arindwi (700.000 Frw) imisoro yavanywemo yo kumushyingura.

Iyo umukozi yitabye Imana kubera impanuka y'akazi cyangwa indwara iturutse ku kazi, urwego yakoreraga rugenera umuryango we amafaranga y'amanyarwanda avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bitabujije ko hakwiyongeraho amafaranga y'ubwishingizi atangwa n'Ikigo gishinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi mu Rwanda, hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 2: Amount of funeral indemnity**

If a public servant dies, his/her employing institution shall pay to his/her family a funeral indemnity equal to seven hundred thousand Rwandan francs (Rwf 700,000) net.

When the death of a public servant is caused by work accident or disease caused by work, the employer shall allocate funeral indemnity to the family of the deceased employee specified in Paragraph One of this Article without prejudice to additional payment by Rwanda Social Security Board of the deceased insurance allowances in accordance with relevant laws.

**Article 2: Montant de l'indemnité funéraire**

En cas de décès d'un agent de l'Etat, son institution de travail octroie à la famille du défunt, une indemnité funéraire égale à sept cent mille francs Rwandais (700.000 Frw) net.

Lorsque l'agent est décédé suite à un accident de travail ou une maladie causée par le travail, l'institution de travail alloue à la famille du défunt de l'indemnité funéraire spécifiée à l'alinéa premier du présent article, sans préjudice au paiement des indemnités d'assurance par l'Office Rwandais de Securité Sociale conformément aux lois en la matière.

**Ingingo ya 3: Abahabwa amafaranga y'ishyingura**

Amafaranga y'ishyingura ahabwa uwashakanye na nyakwigendera wemewe n'amategeko cyangwa uwemerewe kumuzungura. Ariko ashobora no guhabwa undi wese wemejwe n'ubuyobozi bw'Umurenge iyo abafite uburengazira bahabwa n'amategeko bwo kumuzungura babuze.

Amafaranga y'ishyingura atangwa iyo abayagenerwa bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bagaragaje icyemezo cy'uko umukozi wa Leta yapfuye, kiriho umukono wa muganga wemewe na Guverinoma cyangwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge

**Article 3: Beneficiaries of funeral indemnity**

Funeral indemnity shall be paid to the legally recognized spouse of the deceased employee or their legal successors. In case there are no legal successors, competent authorities at Sector level shall decide on the allocation of such funeral indemnity to any other person.

Funeral indemnity shall be paid after beneficiaries referred to in Paragraph One of this Article have provided a death certificate issued by a medical doctor recognized by Government or the Executive Secretary of Sector where death occurred.

**Article 3 : Bénéficiaires de l'indemnité funéraire**

L'indemnité funéraire est due au conjoint légalement reconnu ou à ses successeurs légaux. Dans le cas où il n'y a pas d'ayants droit, l'autorité compétente au niveau du Secteur décide de l'affectation des frais funéraires à toute autre personne approuvée par elle.

L'indemnité funéraire est versée après que les bénéficiaires visés à l'alinéa premier du présent article ont fourni un certificat de décès délivré par un médecin reconnu par le Gouvernement ou le Secrétaire Exécutif du Secteur où le décès est survenu.

nyakwigendera yapfiriyemo.

**Ingingo ya 4: Igihe amafaranga atangirwamo**

Amafaranga y'ishyingura atangwa mbere y'imihango y'ishyingura.

**Ingingo ya 5: Korohereza urugendo abakozi ba Leta batabaye uwo bakorana**

Iyo uwashakanye n'umukozi wa Leta, umubyeyi we ku gisanira cya mbere, umwana we cyangwa uwo bavukana yitabye Imana, urwego umukozi akorera rworohereza urugendo, mu buryo bukwiye kandi bugaragarizwa ibimenyetso, abakozi b'urwo rwego bahawe uruhushya rwo gutabara mugenzi wabo.

Korohereza abakozi ba Leta urugendo bikorwa n'igihe bagiye gushyigikira umuryango wa nyakwigendera mu gihe uwitabye Imana yari umukozi w'urwego bakorera.

**Ingingo ya 6: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

**Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 06/03 ryo ku wa

**Article 4: Period of payment**

The payment of funeral indemnity shall be paid before the funeral ceremonies.

**Article 5: Transport facilitation for supporting a workmate**

In case of death of a spouse or a first degree parent, son, brother or sister of a public servant, the employing institution shall provide reasonable and justifiable transport faciliation to his/her workmates who have been authorized to support him/her.

Transport facilitation shall also apply for public servants who shall go to support the family of the deceased, in case of death of a public servant belonging to their employing institution.

**Article 6: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 7: Repealing provision**

Prime Minister's Order n° 06/03 of 15/03/2003

**Article 4 : Période de versement**

L'indemnité funéraire est versée avant les cérémonies funéraires.

**Article 5: Facilitation du transport pour soutenir un collègue de travail**

En cas de décès du conjoint ou du parent au premier degré, du fils, du frère ou sœur d'un agent de l'Etat, l'institution de travail de l'agent doit avec des moyens raisonnables et justifiables, faciliter le transport aux collègues de travail ayant reçu la permission pour qu'ils puissent soutenir leur collègue.

La facilitation du transport est offerte aussi aux agents de l'Etat lorsqu'ils vont soutenir la famille d'un agent décédé appartenant à leur institution de travail.

**Article 6 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 7: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté du Premier Ministre n° 06/03 du 15/03/2003

15/03/2003 rigena amafaranga y'ishyingura n'izindi ngingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 8: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 27/07/2015

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

(sé)
**UWIZEYE Judith**
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

determining amount of funeral indemnities and all other prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 8: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 27/07/2015

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

(sé)
**UWIZEYE Judith**
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice / Attorney General

déterminant le montant des frais funéraires ainsi que toutes les autres dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

**Article 8: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 27/07/2015

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

(sé)
**UWIZEYE Judith**
Ministre de la Fonction Publique,
et du Travail

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº125/03 RYO KU WA 27/07/2015 RIGENA UMUBARE, IMITERERE N'IMIKORESHEREZE Y'AMARIMBI YIHARIYE**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Amarimbi yihariye**

**UMUTWE WA II: AMARIMBI Y'ABAYOBOZI BAKURU**

**Icyiciro cya mbere: Umubare w'amarimbi y'abayobozi bakuru**

**Ingingo ya 4: Umubare**

**Icyiciro cya 2: Imiterere y'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru**

**Ingingo ya 5: Imiterere**

**Ingingo ya 6: Igishushanyo mbonera cy'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru**

**PRIME MINISTER'S ORDER Nº125/03 OF 27/07/2015 DETERMINING THE NUMBER, STRUCTURE AND USE OF PRIVATE CEMETERIES**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Private cemeteries**

**CHAPTER II: CEMETERIES OF HIGH DIGNITARIES**

**Section One: Number of cemeteries of high dignitaries**

**Article 4: Number**

**Section 2: Structure of cemetery of high dignitaries**

**Article 5: Structure**

**Article 6: Map of a cemetery of high dignitaries of the country are buried**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE Nº125/03 DU 27/07/2015 PORTANT LE NOMBRE, L'ORGANISATION ET L'USAGE DES CIMETIERES PRIVES**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

**Article 2 : Définition des termes**

**Article 3 : Cimetières privés**

**CHAPITRE II : CIMETIERES DES HAUTES AUTORITES**

**Section première : Nombre des cimetières des hautes autorités**

**Article 4 : Nombre**

**Section 2: Organisation des cimetières des hautes autorités**

**Article 5 : Organisation**

**Article 6: Plan du cimetière des hautes autorités du pays**

| | | |
|---|---|---|
| **Icyicaro cya 3: Imikoreshereze y'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru** | **Section 3: Use of the cemetery of high dignitaries** | **Section 3 : Usage de cimetière des hautes autorités** |
| **Ingingo ya 7: Imikoreshereze** | **Article 7: Use** | **Article 7 : Usage** |
| **UMUTWE WA III: IRIMBI RYA GISIRIKARI** | **CHAPTER III: ARMY CEMETERY** | **CHAPITRE III : CIMETIERE MILITAIRE** |
| **Icyiciro cya mbere: Umubare w'amarimbi ya gisirikare n'aho aherereye** | **Section One : Number of army cemeteries and their location** | **Section première: Nombre des cimetières militaires et leur emplacement** |
| **Ingingo ya 8: Umubare** | **Article 8: Number and location** | **Article 8 : Nombre** |
| **Icyiciro cya 2: Imiterere y'amarimbi ya Gisirikare** | **Section 2: structure of army cemeteries** | **Section 2 : Organisation des cimetières militaires** |
| **Ingingo ya 9: Imiterere** | **Article 9: Structure** | **Article 9 : Organisation** |
| **Icyiciro cya 3: Imikoreshereze y'amarimbi ya gisirikari** | **Section 3: Use of Army cemeteries** | **Section 3 : Usage des cimetières militaires** |
| **Ingingo ya 10: Imikoreshereze y'amarimbi ya gisirikari** | **Article 10: Use of Army cemeteries** | **Article 10: Usage des cimetières militaires** |
| **Ingingo ya 11: Indi mirambo ishobora gushyingurwa mu irimbi rya gisirikari** | **Article 11: Other bodies that can be buried in an Army cemetery** | **Article 11 : Autres corps pouvant être inhumés dans un cimetière militaire** |
| **UMUTWE WA IV: IGICUMBI CY'INTWARI** | **CHAPTER IV : HEROES CEMETERY** | **CHAPITRE IV: CIMETIERES DES HEROS** |
| **Icyiciro cya mbere: Umubare w'Igicumbi cy'Intwari** | **Section One: Number of heroes' cemeteries** | **Section première: Nombre des cimetières des héros** |
| **Ingingo ya 12: Umubare** | **Article 12: Number** | **Article 12: Nombre** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 2: Imiterere y'Igicumbi cy'Intwari** | **Section 2: Structure of the heroes cemetery** | **Section 2: Organisation des cimetières des héros** |
| **Ingingo ya 13: Imiterere** | **Article 13: Structure** | **Article 13: Organisation** |
| **Icyiciro cya 3: Imikoreshereze y'igicumbi cy'intwari** | **Section 3: Use of the heroes' cemetery** | **Section 3: Usage d'un cimetière des héros** |
| **Ingingo ya 14: Imikoreshereze** | **Article 14: Use** | **Article 14: Usage** |
| **Ingingo ya 15: Abashyingurwa mu gicumbi cy'Intwari** | **Article 15 : Bodies of people buried in the heroes' cemetery** | **Article 15: Corps des personnes inhumées dans le cimetière des héros** |
| **Ingingo ya 16: Igihe igicumbi cy'Intwari kimara** | **Article 16: Duration of the heroes' cemetery** | **Article 16: Durée du cimetière de héros** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZIHURIWEHO N'AMARIMBI YIHARIYE** | **CHAPTER V: COMMON PROVISIONS TO PRIVATE CIMETRIES** | **CHAPITRE V : DISPOSITIONS COMMUNES AUX CIMETIERES PRIVES** |
| **Ingingo ya 17: Igitabo cyandikwamo abashyinguwe mu irimbi ryihariye** | **Article 17: Register for persons buried in a private cemetery** | **Articles 17: Registres des personnes inhumées dans un cimetière privé** |
| **Ingingo ya 18: Ibyemewe kugaragara ku mva** | **Article 18: Signs allowed to be displayed on a tomb** | **Article 18: Signes pouvant figurer sur une tombe** |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 19: Repealing provisions** | **Article 19: Dispositions abrogatoires** |
| **Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 21: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 21: Commencement** | **Article 21: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº125/03 RYO KU WA 27/07/2015 RIGENA UMUBARE, IMITERERE N'IMIKORESHEREZE Y'AMARIMBI YIHARIYE**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 121, n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko nº 11/2013 ryo ku wa 11/03/2013 rigena imitunganyirize n'imikoreshereze y'amarimbi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 15/10/2014, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena umubare, imiterere n'imikoreshereze y'amarimbi yihariye.

**PRIME MINISTER'S ORDER Nº125/03 OF 27/07/2015 DETERMINING THE NUMBER, THE STRUCTURE AND THE USE OF PRIVATE CEMETERIES**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 121 and 201;

Pursuant to Law nº 11/2013 of 11/03/2013 determining organisation and use of cemeteries especially in Article 12;

On request by the Minister of Local Government;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 15/10/2014;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines the number, structure and use of private cemeteries.

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE Nº 125/03 DU 27/07/2015 PORTANT LE NOMBRE, L'ORGANISATION ET L'USAGE DES CIMETIERES PRIVES**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 121 et 201 ;

Vu la Loi nº 11/2013 du 11/03/2013 portant organisation et usage des cimetières, spécialement en son article 12 ;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 15/10/2014 ;

**ARRETE :**

**<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine le nombre, l'organisation et l'usage des cimetières privés.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **abayobozi bakuru:** abayobozi bavugwa ku Itegeko Ngenga n° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

2° **irimbi rya gisirikari:** irimbi rishyingurwamo imirambo y'abagize Ingabo z'u Rwanda hatitawe ku cyateye urupfu cyangwa aho bapfiriye;

3° **urwibutso rw'intwari:** ikimenyetso gishyirwa ahabugenewe mu gicumbi cy'intwari kikaranga uwagizwe intwari wapfuye kandi akaba adashyinguwe mu mva mu gicumbi cy'intwari.

**Ingingo ya 3: Amarimbi yihariye**

Ibyiciro by'amarimbi yihariye ni ibi bikurikira:

1° Irimbi ry' abayobozi bakuru;

2° Irimbi rya Gisirikari;

3º Igicumbi cy'Intwari.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purpose of this Order, the following terms shall be defined as follows:

1° **high dignitaries:** refer to dignitaries provided for by the Organic Law n° 61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct as modified and complemented to date;

2° **army cemetery:** cemetery where members of Rwanda Defence Forces bodies are buried irrespective of the cause or place of death;

3° **heroes' memorial**: symbol displayed at the appropriate place in the heroes' cemetery identifying a person classified as a hero but whose body is not buried in the heroes' cemetery.

**Article 3: Private cemeteries**

Categories of private cemeteries are the following:

1° Cemetery of high dignitaries ;

2° Army cemetery;

3° Heroes cemetery.

**Article 2 : Définition des termes**

Aux fins du présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **hautes autorités :** autorités prévues par la Loi Organique n° 61/2008 du 10/09/2008 portant code de conduite des autorités des institutions publiques telle que modifiée et complétée à ce jour ;

2° **cimetière militaire :** endroit où les corps des membres des Forces Rwandaises de Défense sont inhumés sans tenir compte des circonstances ou du lieu de la mort;

3° **mémorial des héros :** symbole placé dans un endroit approprié du cimetière des héros portant l'identification de la personne classée dans la catégorie des héros mais dont le corps n'y est pas inhumé.

**Article 3 : Cimetières privés**

Les catégories des cimetières privés sont les suivantes :

1° Cimetières des hautes autorités;

2° Cimetières militaires;

3° Cimetières des héros.

**UMUTWE WA II: IRIMBI RY'ABAYOBOZI BAKURU**

**Icyiciro cya mbere: Umubare w'amarimbi y'abayobozi bakuru**

**Ingingo ya 4: Umubare**

Hashyizweho irimbi rimwe ku rwego rw'Igihugu rishyingurwamo abayobozi bakuru.

Iri rimbi riherereye i Kigali, mu Murwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

Minisitiri ufite umuco mu nshingano ze agena ahashyirwa irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru.

**Icyiciro cya 2: Imiterere y'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru**

**Ingingo ya 5: Imiterere**

Irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru rigomba kuba rifite igishushanyo kigaragaza aho imva zo muri iryo rimbi ziherereye na nomero zazo.

Hagati y'imva n'indi hagomba kuba hari nibura santimetero mirongo itanu (50 cm) mu mpande zombi.

Buri mva igomba kugira nomero igaragara kandi yanditse mu gitabo cyabugenewe cy'Ubuyobozi

**CHAPTER II: CEMETERY OF HIGH DIGNITARIES**

**Section One: Number of cemeteries of high dignitaries**

**Article 4: Number**

There is hereby established a cemetery at the national level whereby bodies of State high dignitaries shall be buried.

This cemetery is located in Kigali, the Capital City of the Republic of Rwanda.

The Ministry in charge of culture shall determine the location of the cemetery where bodies of high dignitaries of the country are buried.

**Section 2: Structure of cemetery of high dignitaries**

**Article 5: Structure**

A cemetery where bodies of high dignitaries of the country are buried shall have a map specifying places and numbers reserved for the tombs.

There shall be at least fifty centimetres (50 cm) between tombs and from both sides.

Each tomb shall bear a visible number recorded in the register provided for that purpose by the

**CHAPITRE II : CIMETIERE DES HAUTES AUTORITES**

**Section première : Nombre des cimetières des hautes autorités**

**Article 4: Nombre**

Il est établi un cimetière au niveau national où les corps des hautes autorités du pays sont inhumés.

Ce cimetière se trouve à Kigali, Capital de la République du Rwanda.

Le Ministre ayant la culture dans ses attributions détermine l'emplacement du cimetière des hautes autorités du pays.

**Section 2: Organisation du cimetière des hautes autorités**

**Article 5 : Organisation**

Un cimetière où les corps des plus hautes autorités du pays sont inhumés doit comporter un plan qui indique l'emplacement des tombes ainsi que leurs numéros.

Les tombes doivent être séparées entre elles par au moins cinquante centimètres (50 cm) des deux côtés.

Chaque tombe doit avoir un numéro visible inscrit dans un registre que les autorités administratives

bushinzwe gucunga iryo rimbi. Buri mva igaragaza neza amazina y'uwashyinguwemo.

**Ingingo ya 6: Igishushanyo mbonera cy'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru**

Igishushanyo mbonera cy'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru kigomba kubaho kandi kikabikwa mu buyobozi bwa Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo.

**Icyicaro cya 3: Imikoreshereze y'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru**

**Ingingo ya 7: Imikoreshereze**

Imirimo yose ijyanye n'imikoreshereze ndetse n'ibyubahirizwa mu gushyingura, gucunga umutekano n'isuku by'irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru ishinzwe Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo.

Amafaranga yo gufata neza irimbi rishyingurwamo abayobozi bakuru ateganywa mu ngengo y'imari ya Minisiteri ifite Umuco mu nshingano zayo.

administrative entity in charge of the management of the cemetery. Each tomb shall clearly indicate names of the buried deceased.

**Article 6: Map of a cemetery of high dignitaries of the country are buried**

There shall be a map of the cemetery of high dignitaries of the country are buried and it shall be kept in the Ministry in charge of culture.

**Section 3: Use of the cemetery of high dignitaries**

**Article 7: Use**

The Ministry in charge of culture shall be entrusted with all activities pertaining to the use, conditions for the burial, safeguarding the security and cleanliness of the cemetery where bodies of high dignitaries of the country are buried.

Cost incurred for maintaining national cemetery in which are buried the high dignitaries of the country shall be included in the budget of the Ministry in charge of Culture.

chargées de la gestion du cimetière ont prévu pour cet effet. Chaque tombe doit clairement indiquer les noms du défunt.

**Article 6: Plan du cimetière des hautes autorités du pays**

Un plan du cimetière où les corps des hautes autorités sont inhumés doit être disponible et gardé dans le Ministère ayant la culture dans ses attributions.

**Section 3 : Usage de cimetière des hautes autorités**

**Article 7 : Usage**

Le Ministère ayant la culture dans ses attributions est chargé de toutes les activités relatives à l'usage et aux conditions à remplir pour inhumer un cadavre, à la sécurité et à la propreté d'un cimetière où les corps des hautes autorités du pays sont inhumés.

Le coût pour l'entretien d'un cimetière où les corps des hautes autorités du pays sont inhumés est inclus dans le budget du Ministère ayant la culture dans ses attributions.

**UMUTWE WA III: IRIMBI RYA GISIRIKARI**

**Icyiciro cya mbere: Umubare w'amarimbi ya gisirikare n'aho aherereye**

**Ingingo ya 8: Umubare**

Umubare w'amarimbi ya Gisirikare n'aho aherereye bigenwa na Minisitiri ufite Ingabo mu nshingano ze, ashingiye ku miterere y'Igihugu n'iy'inzego z'imitegekere yacyo.

**Icyiciro cya 2: Imiterere y'amarimbi ya Gisirikare**

**Ingingo ya 9: Imiterere**

Irimbi rya gisirikari rigomba kuba rifite igishushanyo mbonera kigaragaza imiterere yaryo, aho imva ziherereye na nomero zazo.

Hagati y'imva n'indi hagomba kuba hari nibura santimetero mirongo itanu (50 cm) mu mpande zombi.

Buri mva igomba kugira nomero igaragara kandi yanditse mu gitabo cyabugenewe gicungwa n'Ubuyobozi bushinzwe gucunga iryo rimbi rya gisirikari. Buri mva igaragaza neza amazina y'uwashyinguwemo.

Ibishushanyo mbonera by'amarimbi ya gisirikari bibikwa na Minisiteri ifite Ingabo mu nshingano zayo.

**CHAPTER III: ARMY CEMETERY**

**Section One: Number of army cemeteries and their location**

**Article 8: Number and location**

The number and the location of Army cemeteries shall be determined by the Minister in charge of Army, based on the structure and administrative entities of the country.

**Section 2: structure of army cemeteries**

**Article 9: Structure**

An army cemetery shall have a map specifying its structure, location and numbers reserved for the tombs.

There shall be at least fifty centimetres (50 cm) between tombs and from both sides.

Each tomb shall bear a visible number recorded in the register provided for that purposes and kept by the administrative entities in charge of the management of the army cemetery. Each tomb shall clearly indicate names of the buried deceased.

Maps of army cemeteries shall be kept by the Ministry in charge of Army.

**CHAPITRE III : CIMETIERE MILITAIRE**

**Section première: Nombre des cimetières militaires et leur emplacement**

**Article 8 : Nombre**

Le nombre et l'emplacement des cimetières militaires est fixé par le Ministre ayant l'armée dans ses attributions, selon l'organisation et les entités administratives du pays.

**Section 2 : Organisation des cimetières militaires**

**Article 9 : Organisation**

Un cimetière militaire doit comporter un plan qui indique son organisation, l'emplacement des tombes ainsi que leurs numéros.

Les tombes doivent être séparées entre elles par au moins cinquante centimètres (50 cm) des deux côtés.

Chaque tombe doit avoir un numéro visible inscrit dans un registre que les autorités administratives chargées de la gestion du cimetière militaire ont prévu pour cet effet. En outre chaque tombe doit clairement indiquer les noms du défunt.

Les plans des cimetières militaires sont gardés par le Ministère ayant l'armée dans ses attributions.

**Icyiciro cya 3: Imikoreshereze y'amarimbi ya gisirikari**

**Ingingo ya 10: Imikoreshereze y'amarimbi ya gisirikari**

Minisitiri ufite Ingabo mu nshingano ze agena ibijyanye n'imikoreshereze, imitunganyirize, ibyubahirizwa mu gushyingura, gucunga umutekano n'isuku by'irimbi rya gisirikari.

Amafaranga yo gufata neza amarimbi ya Gisirikare ateganywa mu ngengo y'imari ya Minisiteri y'Ingabo.

**Ingingo ya 11: Indi mirambo ishobora gushyingurwa mu irimbi rya gisirikari**

Minisitiri ufite Ingabo mu nshingano ze agena abandi bantu bashobora gushyingurwa mu irimbi rya Gisirikare.

**UMUTWE WA IV: IGICUMBI CY'INTWARI**

**Icyiciro cya mbere: Umubare w'Igicumbi cy'Intwari**

**Ingingo ya 12: Umubare**

Hashyizweho Igicumbi cy'Intwari gishyingurwamo abantu bapfuye bashyizwe mu cyiciro cy'Intwari hakurikijwe ibisabwa. Igicumbi cy'intwari gicumbikira kandi n'inzibutso z'intwari.

**Section 3: Use of Army cemeteries**

**Article 10: Use of Army cemeteries**

The Minister in charge of Army shall determine the use, organisation, conditions for burial, safeguarding the security and cleanliness of the army cemetery.

Cost incurred for maintaining army cemeteries shall be included in the budget of the Ministry of Defence.

**Article 11: Other bodies that can be buried in an Army cemetery**

The Minister in charge of the Army shall determine other persons that can be buried in an Army cemetery.

**CHAPTER IV: HEROES CEMETERY**

**Section One: Number of heroes' cemeteries**

**Article 12: Number**

There is hereby established a heroes' cemetery in which shall be buried deceased persons classified as heroes in accordance with the requirements. A heroes' cemetery shall also have a place reserved for heroes' memorials.

**Section 3 : Usage des cimetières militaires**

**Article 10: Usage des cimetières militaires**

Le Ministre ayant l'armée dans ses attributions détermine l'usage, organisation, conditions à remplir pour inhumer un cadavre, maintenir l'ordre et l'hygiène du cimetière militaire.

Le coût pour l'entretien des cimetières militaires est inclus dans le budget du Ministère de la Défense.

**Article 11 : Autres corps pouvant être inhumés dans un cimetière militaire**

Le Ministre ayant l'armée dans ses attributions détermine d'autres personnes pouvant être inhumés dans un cimetière militaire.

**CHAPITRE IV: CIMETIERES DES HEROS**

**Section première : Nombre des cimetières des héros**

**Article 12 : Nombre**

Il est établi un cimetière des héros où sont inhumées les personnes mortes classées dans la catégorie des héros selon les critères. Le cimetière des héros abritera aussi le mémorial des héros.

Minisitiri ufite umuco mu nshingano ze agena ahaba igicumbi cy'intwari.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Imiterere y'Igicumbi cy'Intwari**

**<u>Ingingo ya 13</u>: Imiterere**

Igicumbi cy'Intwari kigomba kugira igishushanyo mbonera kigaragaza imiterere yacyo, aho imva ziherereye na nomero zazo n'ahashyirwa urwibutso rw'intwari.

Minisitiri ufite umuco mu nshingano ze agena imiterere y'urwo rwibutso.

Buri mva iri mu gicumbi cy'Intwari igomba kugira nomero igaragara kandi yanditse mu gitabo cyabugenewe gicungwa n'Ubuyobozi bushinzwe gucunga Igicumbi cy'Intwari. Buri mva igaragaza neza amazina y'uwashyinguwemo.

Igishushanyo mbonera cy'Igicumbi cy'Intwari kibikwa na Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Imikoreshereze y'igicumbi cy'intwari**

**<u>Ingingo ya 14</u>: Imikoreshereze**

Minisitiri ufite Umuco mu nshingano ze agena ibijyanye n'imikoreshereze, imitunganyirize no kubahiriza amategeko yo gushyingura, gucunga umutekano n'isuku by'Igicumbi cy'Intwari.

The Minister in charge of culture shall determine the location reserved for the heroes' cemetery.

**<u>Section 2</u>: Structure of the heroes cemetery**

**<u>Article 13:</u> Structure**

The heroes' cemetery shall have a map specifying its structure, places and numbers reserved for the tombs and a place reserved for the heroes' memorial.

The Minister in charge of culture shall determine the structure of the memorial.

Each tomb in the heroes' cemetery shall bear a visible number which is recorded in the register provided for that purpose by the administrative entities in charge of the management of the cemetery. Each tomb shall clearly indicate names of the buried deceased.

The map of heroes' cemetery shall be kept by the Ministry in charge of culture.

**<u>Section 3</u>: Use of the heroes' cemetery**

**<u>Article 14</u>: Use**

The Minister in charge of culture shall determine the use, organisation, requirements for burial, safeguarding the security and cleanliness of the heroes' cemetery.

Le Ministre ayant la culture dans ses attributions détermine l'emplacement du cimetière des héros.

**<u>Section 2</u> : Organisation des cimetières des héros**

**<u>Article 13</u> : Organisation**

Le cimetière des héros doit comporter un plan qui indique son organisation, l'emplacement des tombes ainsi que leurs numéros.

Le Ministre ayant la culture dans ses attributions détermine la structure de ce mémorial.

Chaque tombe doit avoir un numéro visible inscrit dans un registre que les autorités administratives chargées de la gestion du cimetière des héros ont prévu pour cet effet. En outre, chaque tombe doit clairement indiquer les noms du défunt.

Le plan du cimetière des héros est gardé par le Ministère ayant la culture dans ses attributions.

**<u>Section 3</u> : Usage d'un cimetière des héros**

**<u>Article 14</u> : Usage**

Le Ministre ayant la culture dans ses attributions détermine l'usage, organisation, condition à remplir pour inhumer un cadavre, la sécurité et la propreté du cimetière des héros.

Amafaranga yo gufata neza Igicumbi cy'Intwari ateganywa mu ngengo y'imari ya Minisiteri ifite umuco mu nshingano.

**Ingingo ya 15: Abashyingurwa mu gicumbi cy'Intwari**

Mu gicumbi cy'Intwari hashyingurwa umurambo w'uwagizwe Intwari akiriho cyangwa w'uwagizwe intwari nyuma y'uko apfa umurambo we utarashyingurwa.

Inama y'Abaminisitiri ishobora kwemeza ko umurambo w'uwagizwe Intwari washyinguwe mu irimbi wimurwa ugashyingurwa mu gicumbi cy'intwari.

Bisabwe n'uwagizwe Intwari akiriho cyangwa umuryango we umaze kubyumvikanaho na Minisitiri ufite Umuco mu nshingano, umurambo w'uwagizwe intwari akiriho ushobora gushyingurwa mu irimbi ahandi.

**Ingingo ya 16: Igihe igicumbi cy'Intwari kimara**

Igicumbi cy'Intwari kimara igihe kitazwi.

Cost incurred for maintaining a heroes' cemetery shall be included in the budget of the Ministry in charge of culture.

**Article 15: Bodies of people buried in the heroes' cemetery**

In the heroes' cemetery shall be buried bodies of people classified as heroes while still alive or a person classified as heroes after his/her death before the burial of his/her body.

The Cabinet may approve that the buried body of a person classified as a hero be exhumed to be buried in the heroes' cemetery.

Upon request by the person classified as hero while still alive or by his/her family and in consultation with the Minister in charge of Culture, the body of a person classified as hero while still alive can be buried in a place other than a heroes' cemetery.

**Article 16: Duration of the heroes' cemetery**

The duration of the heroes' cemetery is unlimited.

Le coût pour l'entretien d'un cimetière des héros est inclus dans le budget du Ministère ayant la culture dans ses attributions.

**Article 15: Corps des personnes inhumées dans le cimetière des héros**

Sont inhumés dans le cimetière des héros les corps des personnes classées dans la catégorie des héros étant encore en vie ou la personne classée dans la catégorie des héros après sa mort et avant l'inhumation de son corps.

Le Conseil des Ministres peut approuver que le corps d'une personne classée dans la catégorie des héros soit exhumé pour être inhumé dans le cimetière des héros.

Sur demande de la personne classée dans la catégorie des héros étant encore en vie ou après consultation entre sa famille et le Ministre ayant la culture dans ses attributions, le corps de la personne classée dans la catégorie des héros étant encore en vie peut être inhumé ailleurs dans un autre cimetière.

**Article 16 : Durée du cimetière de héros**

La durée du cimetière des héros est illimitée.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZIHURIWEHO N'AMARIMBI YIHARIYE**

**Ingingo ya 17: Igitabo cyandikwamo abashyinguwe mu irimbi ryihariye**

Buri cyiciro cy'irimbi ryihariye kigomba kugira igitabo cyandikwamo umwirondoro w'uwarishyinguwemo na nomero y'imva ye. Muri icyo gitabo kandi handikwamo amazina bwite, amazina y'ingereka, umurimo yakoraga, aho yari asanzwe atuye, ubwenegihugu bwe n'itariki yashyinguriweho.

Ibyo bikorwa n'Ubuyobozi bushinzwe imicungire y'irimbi ryihariye cyangwa undi wabiherewe ububasha.

**Ingingo ya 18: Ibyemewe kugaragara ku mva**

Ibimenyetso bishobora kugaragara ku mva z'amarimbi yihariye byemewe ni amazina y'uwapfuye, cyangwa uwagizwe intwari, nomero y'imva ye, itariki yavukiyeho n'iyo yapfiriyeho, ifoto ye n'ikirango cy'idini rye mu gihe iri dini ryemewe na Leta.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**CHAPTER V: COMMON PROVISIONS TO PRIVATE CIMETRIES**

**Article 17: Register for persons buried in a private cemetery**

Each private cemetery shall have a register in which each person buried and his/her tomb number is recorded. That register shall also contain family names, first names, profession and domicile of the deceased, his/her nationality, and the date of burial.

Such records are taken by the authority entrusted with the management of the private cemetery or any other authorised person.

**Article 18: Signs allowed to be displayed on a tomb**

The signs which may be displayed on a tomb are the deceased names or names of a person classified as a hero, the tomb number, the date of birth and death, his/her photograph and the sign of his/her religion in case the latter is officially registered.

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**Article 19: Repealing provisions**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS COMMUNES AUX CIMETIERES PRIVES**

**Articles 17 : Registres des personnes inhumées dans un cimetière privé**

Tout cimetière privé doit avoir un registre dans lequel est inscrite chaque personne inhumée avec l'indication du numéro de sa tombe. Dans ce registre sont inscrits les noms, prénoms, profession et domicile du défunt, sa nationalité ainsi que la date de l'inhumation.

Ces données sont enregistrées par les autorités chargées de la gestion du cimetière privé ou par toute autre personne habilitée.

**Article 18 : Signes pouvant figurer sur une tombe**

Les signes pouvant figurer sur la tombe sont les noms de la personne décédée ou le nom de la personne classée dans la catégorie des héros, le numéro de la tombe, la date de naissance et de décès, sa photo ainsi que le signe de sa religion si cette dernière est officiellement reconnue par l'Etat.

**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 19: Dispositions abrogatoires**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri wa Siporo n'Umuco, Minisitiri w'Ingabo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe kubahiriza iri teka.

**Ingingo ya 21: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 27/07/2015

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**
**KABONEKA Francis**
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika**:

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Local Government, the Minister of Sports and Culture, the Minister of Defence and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 21: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 27/07/2015

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**(sé)**
**KABONEKA Francis**
Minister of Local Government

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/ Attorney General

**Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre des Sports et de la Culture, le Ministre de la Défense et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 21: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 27/07/2015

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**(sé)**
**KABONEKA Francis**
Ministre de l'Administration Locale

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux